REPUBULIKA Y'U RWANDA
URUKIKO RW'IKIRENGA
URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI
B P 44 RUSIZI.

**INYANDIKO IHINNYE YO KUMENYESHA IMIKIRIZE Y'URUBANZA**
**RP 00036/2019/TGI/RSZ.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa 23, ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye rwa RUSIZI, tumaze kubona urubanza **RP 00036/2019/TGI/RSZ,** ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI buregamo uwitwa **DUSHIMIMANA Ismael, i**cyaha cy' Ubwicanyi buturutse ku bushake; icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 107 y'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, rukaba rwaraciwe n'uru Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa 18/10/2019;

Dushingiye ku ngingo ya 168 y'itegeko n° 30/2013 ryo kuwa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Duteguye iyi nyandiko ihinnye, kugira ngo DUSHIMIMANA Ismaël mwene MWOTO NI MWOTO na KAMANYANA Marie Rose; wavutse mu mwaka w'i 1998, mu Mudugudu wa Gateko, Akagali ka Nzove, umurenge wa Kanyinya, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali,; wabarizwaga mu mudugudu wa Ntemabiti, akagali ka Kamashangi, Umurenge wa Kamembe, akarere ka Rusizi, Intara y'i Burengerazuba, muri Repubulika y'u Rwanda, wakurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera, azamenyeshwe imikirize yarwo iteye itya :

URUKIKO rushingiye ku ngingo ya 107 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange,

*"Rwemeje ko Dushimimana Ismaël ahamwa n'icyaha cy'ubwicanyi buturutse ku bushake.*

*"Ruhanishije Dushimimana Ismaël igifungo cya burundu".*

*"Rutegetse Dushimimana Ismaël gutanga amafaranga 20.000Frws y'amagarama y'uru rubanza".*

UMENYESHEJWE: **DUSHIMIMANA Ismael**

NYIRAMBONIGABA M. Thérèse

**UMWANDITSI W'URUKIKO**

**UTEGUYE IYI NYANDIKO**

UMUMENYESHEJE+ITARIKI

..................................................

ICYO AKORA + UMUKONO + KASHE

URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUSIZI